



Tube umuryango utumanaho

Igitabo cy'amahugurwa y'ikoreshwa rya interineti kuri telefoni

Imfashanyigisho yo guhugura abantu ku gukoresha interineti kuri telefoni mu Rwanda





Iriburiro

Telefoni zigendanwa ntizigikoreshwa mu guhamagara gusa. Uko ibihe bigenda, zikomeje kwifashishwa na benshi ku isi kugirango bakoreshe interineti. N'ubwo hari ibyiza byinshi interineti igeza ku muntu uyikoresha, hari ubumenyi bwihariye busabwa kugirango umuntu abashe gukoresha neza interineti kuri telefoni. Ibyo bivuze ko abantu badafite ubwo bumenyi batabasha kugera kuri serivisi nyinshi z'ingirakamaro.

Ni iyihe ntego y'iki gitabo?

Iki gitabo kigenewe amasosiyete acuruza itumanaho rya telefoni zigendanwa, imiryango itagengwa na leta, imiryango iharanira amajyambere na za Guverinoma, ni ukuvuga inzego zose zishaka guhugura abantu kugirango bagire ubumenyi bw'ibanze n'ibisobanuro ku byerekeye ikoreshwa rya interineti kuri telefoni zigendanwa.

Iki gitabo gikubiyemo amakuru aha abahugura ibyo bakeneye mu kwerekana agaciro n'ikoreshwa rya interineti kuri telefoni zigendanwa. Bizafasha abahugurwa kugira ubumenyi bwimbitse ku cyo bakoresha interineti n'ubumenyi bw'ibanze bukenewe kugirango babashe kuyikoresha. Twizeye ko ibi bizatuma abantu barushaho kumenya no gukoresha serivisi z'ingirakamaro zitangwa na interineti kuri telefoni zigendanwa.

Amasomo ari muri iki gitabo agenewe abantu bafite ubumenyi buke kuri interineti ya telefoni zigendanwa. Agamije kwigisha abifuza kumenya icyo interineti ya telefoni zigendanwa ari cyo n'uburyo bwo gutumanaho no gukora ubushakashatsi kuri interineti. Iki gitabo ntikigenewe abantu badafite ubumenyi na buke ku ikoreshwa rya telefoni zigendanwa, kandi ntikirimo ubumenyi bw'ibanze nko kumenya uko bahamagara cyangwa uko bohereza ubutumwa bugufi. Niyo mpamvu utasangamo amakuru ku buryo umuntu ashya apulikasiyo kuri telefoni ye cyangwa uko bafungura imeyili, kuko ubumenyi nk'ubwo butakorohera abafite ubumenyi buke cyangwa abatazi gukoresha interineti kuri telefoni zigendanwa. Iki gitabo kandi ntikigenewe abasanzwe bazi gukoresha interineti kuri telefoni zigendanwa.

Iriburiro

'Imfashanyigisho y'Uko Bikorwa' ni iki?

'Imfashanyigisho y'Uko Bikorwa' igomba gukoreshwa hamwe n'iki gitabo kugirango bifashe abahugura gutegura amahugurwa ku bumenyi bw'ibanze bwa interineti yo kuri telefoni igendanwa buberanye n'ahabereye amahugurwa. Ikubiyemo ibikorwa n'amabwiriza yerekeye uko bategura ayo masomo ndetse n'ibikoresho biberanye n'abo bahugura.

Iyi mfashanyigisho kandi irimo ingero nyinshi z'ingirakamaro zishobora kunganira amasomo ari muri iki gitabo. Turasaba abakoresha iki gitabo bose gusoma no gukoresha ibigize iyi mfashanyigisho kugirango yunganire amasomo batanga.

Ibikubiye muri iki gitabo

Iki gitabo gitanga ubumenyi ku buryo interineti ikoreshwa kuri telefoni zigezweho za smartphone. Gikoze nk'urugendo rukura abantu mu bumenyi bw'ibanze bw'itumanaho rukabageza ku bumenyi buhanitse, nk'ubwo gushakisha ibintu kuri interineti. N'ubwo iyo ariyo ntero igenga iki gitabo, cyakozwe ku buryo buri somo ritanga ubumenyi bwihariye. Ibi bifasha uhugura guhitamo isomo yakoresha ahereye ku bifitiye akamaro abo ahugura.

Mu kwigisha abantu uko bakoresha interineti, twifashisha WhatsApp, YouTube na Google nka serivisi z'ibanze. Twigisha kandi icyo interineti ari cyo, tukanatanga amakuru yerekeye ikiguzi cyayo n'ayerekeye umutekano mu gihe cy'ikoreshwa ryayo. Ibi tubikora duherereye ku bushakashatsi twakoze bwerekana ko izo serivisi arizo zibandwaho cyane mu Rwanda.

Ubushakashatsi bwacu kandi bwerekanye ko ubushake bwo kwiga ikoreshwa ry'izindi serivisi (urugero: Facebook) buri hasi.

Ariko nanone, niba wifuza gukoresha iki gitabo ahandi, serivisi z'ibanze zishobora guhinduka, bitewe n'abo uri kwigisha. (Reba "Imfashanyigisho y'Uko Bikorwa").



Ibikubiye muri iki gitabo



Ibyerekeye interineti

Hari benshi batazi interineti yo muri telefoni zigendanwa, n'ubwo baba barabyumvise mbere. Aha dutanga ibisobanuro byoroshye kugirango dusubize bimwe mu byo abantu bakunze kwibaza kuri interineti.



WhatsApp

Nk'uko bimeze mu bihugu byinshi, Abanyarwanda bakunda gushaka kumenya WhatsApp kuko ikoreshwa mu kwandikirana kandi benshi muri bo baba basanzwe bazi uko bohereza ubutumwa bugufi. Gutangirira kuri WhatsApp bifasha abahugura kubakira ku byo abo bahugura baba basanzwe bazi, bakanaboneraho kubigisha ubumenyi n'ibyiza byo gutumanaho bakoresheje interineti.



YouTube

YouTube ifasha abahugurwa kubona ibiri kuri interineti mu buryo bworoshye kandi buteye amatsiko, bigakorerwa ahantu hadafunguye cyane. Ibi bituma abahugura bubakira ku matsiko abantu basanzwe bagirira itumanaho ry'amajwi n'amashusho bakabona uko batanga ubumenyi bwa ngombwa mu gukoresha interineti kuri telefoni. YouTube ishobora kutaboneka ahantu hose bitewe n'imbaraga za murandasi. Iyo bimeze bityo, byaba byiza isomo rya YouTube ritigishijwe, cyangwa hagakoreshwa indi serivisi y'amajwi n'amashusho idasaba imbaraga nyinshi za murandasi ngo igaragare (Urugero: ishakiro ry'amafoto rya Google Image).

Ibikubiye muri iki gitabo



Ishakiro rya Google

Ishakiro rya Google rifasha abantu kubona ibyo bifuzwa kuri interineti. Ibi bifasha abahugurwa kubona mu buryo bwimbitse ibintu bitandukanye bigaragara kuri interineti, bikanatuma bihugura ku gushakisha kuri interineti. Iyo babanje kwiga uko bakoresha YouTube, gukoresha Google bibafasha kubakira ku byo baba bigishijwe mu isomo rya YouTube.



Umutekano n'ikiguzi

Mu masomo ya WhatsApp, YouTube na Google, hariye harimo amakuru yerekeranye n'ikiguzi cya serivisi n'uko yakoresha ku buryo butekanye. Ubushakashatsi bwacu bwerekanye ko umutekano n'ikiguzi ari bimwe mu byo abakoresha interineti kuri telefoni bibazaho cyane. Niyo mpamvu twiyemeje kubiganiraho muri buri somo rirambuye ndetse no mu masomo magufi.

Iyi mbonerahamwe yerekana serivisi, ibikorwa n'ubumenyi bukubiye mu ihugurwa

Interineti yo muri telefoni



WhatsApp



Kohereza no kwakira ubutumwa hagati y'abantu 2



YouTube



Gushakisha amashusho



Google



Gushakisha no gucukumbura amakuru



Gushinga amatsinda no kuyaganiriramo



IJWI




AMAGAMBO



IFOTO

Wakoresha ute iki gitabo?


Ushobora gukoresha iki gitabo mu buryo butandukanye bitewe n'igihe uzamarana n'abahugurwa.



Ku bahugura bafite iminota 2 cyangwa 3 gusa yo kwigisha, hari amahugurwa mato (impine) amara iminota 2 cyangwa 3. Buri somo rivuga ku ngingo imwe muri esheshatu, arizo: Interineti, WhatsApp, YouTube, Google, umutekano, n'ikiguzi.

Aya mahugurwa mato kandi ashobora gukoreshwa nk'intangiriro ku bahugurwa bamaze kurangiza amasomo yose ariko bifuzza gusubira mu byo bize mu buryo bwihuse.

Reba impine y'ihugurwa ku rupapuro rwa 8.



Ku bahugura bafite iminota 45, hari amasomo arambuye.

Ayo masomo atangizwa n'ibisobanuro bimara iminota iri hagati ya 45 na 60, hagakurikiraho amasomo atatu yo gukoresha interineti kuri telefoni nayo amara igihe nk'icyo. Buri somo ryo gukoresha interineti kuri telefoni rivuga ku ngingo imwe: WhatsApp, YouTube cyangwa Google. Ibyerekeye umutekano n'ikiguzi bivugwa muri buri somo.

Reba ihugurwa rirambuye ku rupapuro rwa 24.



Impinda y'ihungu



e

Jurwa



Uko impine y'ihugurwa ikoresha



Iki ni igice kigenewe abahugura bafitanye igihe cy' iminota 2 cyangwa 3 gusa n'abo bahugura.

Gikoresha gusa nko kwiyibutsa ku barangije guhugurwa igihe bifuzwa gusubira mu byo bize.

Buri somo rivuga ku ngingo imwe muri esheshatu zihari, arizo: Ibyerekeye interineti, WhatsApp, YouTube, Google, umutekano, ndetse n'ikiguzi. Buri somo ritanga ibisobanuro kuri buri serivisi n'uko ikoresha kuri telefoni.



Ni iki?

Tanga ibisobanuro kuri serivisi. Amagambo ari mu twuguruzo n'utwugarizo (“...”) ni ayo uhugura ashobora gukoresha.



Ikoreshwa iki?


Sobanura muri make ibyiza bya serivisi uri kwigishaho. Amagambo ari mu twuguruzo n'utwugarizo (“...”) ni ayo uhugura ashobora gukoresha.



Ikora ite?

Byerekane!

Koresha impapuro ziriho uko bikorwa maze ufashe abahugurwa gukoresha serivisi kuri telefoni, zaba izo wabahaye cyangwa izo basanganywe.



Shyira mu ngiro!

Shyira isomo mu ngiro ukoresheje ingero zifasha abo wigisha.



Ihugwu Riram




irwa

buye




Uko utegura ihugurwa ryawe

Ibi ni ibitekerezo bizagufasha gushyira mu bikorwa ihugurwa rirambuye.



1. Amatsinda mato

Shyira abahugurwa mu matsinda mato y'abantu batarenze 6. Ha umwe muri bo inshingano zo gufasha itsinda arimo. Ibi bifasha abahugurwa kugira ubumenyi-ngiro bikanatuma habaho kwigira hamwe no gufashanya.



2. Amatsinda y'abahuje ubushobozi

Kora amatsinda agizwe n'abantu bahuje ubumenyi n'ubushobozi. Ni byiza ko abahugurwa baba hamwe n'abo bahuje ubushobozi kuko bituma bigirira icyizere bakanarushaho gukurikira isomo. Mu gihe bigaragaye ko abahugurwa badahuje ubushobozi n'abo bari kumwe mu itsinda, ushobora kubimurira mu yandi matsinda nyuma y'uko ihugurwa ritangiye.




4. Gusangira telefoni

Niba abantu badafite telefoni zabo zo mu bwoko bwa smartphone, bahereze smartphone z'ibanze zirimo umurongo wa interineti.

Telefoni zigomba kuba zisa (zifite sisitemu izikoresha imwe) kandi zikora kimwe. Ibi bituma bose banyura mu ntambwe z'ihugurwa zisa ntibanagire impungenge zo gukoresha no kwerekana amakuru bwite aberekeye. Byaba byiza kurushaho telefoni imwe ikoreshejwe n'abahugurwa batarenze batatu.


Inama ku bahugura

Tangirira ku by'ibanze




N'ubwo abahugurwa baba basanzwe bazi zimwe muri serivisi za interineti, har izindi baba bakeneye kumenya.

Oroshya ibintu



Koresha ibisobanuro bigufi kandi bitarimo amagambo ya tekini.

Bihuze n'ubuzima



Koresha ingero zo mu buzima busanzwe kugirango abahugurwa bagire amatsiko.

Shingira ku bikorwa



Kangurira abahugurwa gukoresha telefoni biga

Bahe agaciro



Shima abahugurwa ukoresheje amagambo meza. Bishobotse wabaha impamyabumenyi niba bikwiye muri iryo somo.


Ganira n'abahugurwa



Teza imbere ibiganiro ku mpande zombi hagati y'uhugura n'uhugurwa.



Uko ihugurwa rirambuye rikoresheha



Iyi ni imfashanyigisho y'ihugurwa rirambuye ku bahugura bafitanye iminota iri hagati ya 45 na 60 n'abo bahugura.

Ihugurwa rigizwe n'amasomo ane amara iminota iri hagati ya 45 na 60. Ritangizwa n'isomo ry'intangiriro rikurikirwa n'amasomo atatu avuga kuri WhatsApp, YouTube na Google. Ibyerekeye umutekano n'ikiguzi bigiye bikubiye muri buri somo.

N'ubwo ihugurwa ryateguwe ku buryo buri somo ryubakira ku ryaribanjirije, buri somo rishobora gukorwa ryonyine. Ibi bivuze ko ushobora guhitamo

amasomo wowe n'abo uhugura mushaka kwiga, bitewe n'iribafitiye akamaro. Niba udashobora gukoresha YouTube aho uri kubera ikibazo cy'imbaraga za murandasi, ushobora kureka iryo somo ukigisha ku yindi serivisi y'amajwi n'amashusho ikoresha imbaraga nke za murandasi.

Amafoto n'ingero nyinshi biri muri iki gitabo ni byo mu Rwanda. Niba ushaka gukoresha iki gitabo mu bindi bice by'isi, byaba byiza utanze ingero zihuye n'abantu bari aho uherereye.

Ihugurwa rirambuye rikubiye mu bikorwa bine:



Igisobanuro: Igisobanuro kigufi gikubiyemo ibyiza bya serivisi.



Igikorwa: Imyitozo kuri telefoni



Ibiganiro-mpaka: Kugirango abahugurwa bavuge ku ho serivisi ihuriye n'ubuzima bwabo.



Incamake: Gushimangira ibyigiye muri buri somo.